Burundi:“Udafite ibyo ushora ntiwabona ibyo winjiza” – Minisitiri Niyonzima ku ibura rw’Amadorali mu gihugu

October 8, 2023

Minisitiri w’Ubukungu mu Burundi, Bwana Audace Niyonzima, yatangaje ko iki gihugu kidafite Amadorali ya Amerika ahagije, aho yavuze ko amenshi bayakoresha bayashora mu mahanga kurusha ayinjira.

Aha, yavuze ko kugira ngo Uburundi bwinjize Miliyoni 17$, bibusaba gusohora Amadorali Miliyoni 105$.

Yakomeje avuga iki gihugu kitagabanyije amafaranga gishora hanze kigura ibintu, gishobora kwisanga mu manga yo kubura Amadorali ahagije mu gihugu mu buryo bukomeye.

Bwana Niyonzima yagarutse kuri iki kibazo mu kiganiro cyahurije hamwe abagize Guverinoma n’abanyamakuru mu Mujyi wa Gitega.

Ati:“Nibyo koko ibivuga mu Binyamakuru ko nta Madorali ya Amerika ahagije mu gihugu ni inkuru mpamo”.

Ibiganiro byahuje impande zombi byari bisanzwe bikorwa n’abavugizi ba Minisiteri, ariko kuri iyi nshuro ntago ariko byagenze.

Kuri uyu wa Gatanu tariki ya 06 Ukwakira 2023, byitabiriwe na Minisitiri Niyonzima ubwe, wari hamwe na Minisitiri w’Intebe, Bwana Ndirakobuca Gervais.

Amakuru avuga i Burundi THEUPDATE yabonye, avuga ko bwana Ndirakobuca atari mu bari kubazwa ibibazo.

Ashingiye ku mibare y’Umwaka ushize, Niyonzima ko iki gihugu gifite icyuko hagati y’Amadorali kinjiza n’ayo gisohora.

Yatangaje ko $1.260,000,000 (Miliyaridi imwe na Miliyoni 260 z’Amadorari) ariyo mafaranga yasohotse hagurwa ibicuruzwa biva hanze byinjira mu Burundi.

Mu gihe $208,000,000, ariyo mafaranga Uburundi bwinjije mubyo bwagurishije bijya mu mahanga.

Ibi bisobanuye ko ku kwezi, Uburundi bwakoresheje Miliyoni 105 z’Amadorari, mu gihe bwinjiza Miliyoni 17 z’Amadorari gusa.